Rahabu yakurikije amabwiriza

YOSUWA IGICE CYA 2 N'ICYA 6

Hitamo imyitozo ihuje n'ibyo umwana wawe akeneye hamwe n'ibimushishikaza. Mukorere hamwe iyo myitozo mu muryango.

SOMA MURI YOSUWA IGICE CYA 2 N'ICYA 6

Hanyuma musome inkuru ya Bibiliya ishushanyije (haba kuri interineti cyangwa ku rupapuro wacapye), maze muganire ku bibazo biri ku musozo w'iyo nkuru.

INDI MYITOZO MWACAPA



UMWITOZO USHINGIYE KU MASHUSHO

IGA GUSHUSHANYA: Fasha umwana wawe gushushanya Rahabu, ukurikije urugero n'imirongo byatanzwe. Hanyuma, saba umwana wawe gusiga amabara mu byo mwashushanyije.



UMWITOZO WO KWIYIGISHA

GUHUZA UDUKARITA: Umwana wawe namara gukata udukarita, umusabe kwifashisha ibisubizo n'imirongo y'Ibyanditswe kugira ngo ahuze udukarita turiho abantu n'uturiho ibintu.

TWIGE BIBILIYA

AGAFISHI K'UMUNTU UVUGWA MURI BIBILIYA: Wowe n'umwana wawe musome ahanditse ngo "Icyo twamuvugaho." Mubaze ibibazo biri ku gafishi. Mwese hamwe mu muryango, mwifashishe ako gafishi n'utundi dufishi tuboneka ku rubuga rwacu rwa jw.org kugira ngo mumenye abandi bantu babiri bavugwa muri Bibiliya, batakoreraga Yehova mbere, ariko nyuma bakaza kumukorera, kimwe na Rahabu: (1) umumisiyonari wabanje gutoteza Abakristo hamwe (2) n'umugore w'Umumowabukazi waje kuba nyirakuruza wa Yesu Kristo.—Rusi 1:22; Matayo 1:5, 16; Ibyakozwe 21:40–22:16.

www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania